30/4/1985

# COMMUNIQUE DE PRESSE.

Mu rwego rwo kureba ibimaze kugerwaho muli uyu mwaka witiliwe urubyiruko kw'isi hose,muli prefegitura ya BUTARE kuv ku italiki ya 5 kugeza ku ya 30 Mata 1985 Inteko itanga amaneta mu marushanwa y'Ubuhinzi,Ubworozi n'Ubukolikoli yasuye amashyirahamwe y'Urubyiruko n'imilyango yiyandikishije kurushanwa.

Ku makomine 20 agize Prefegitura ya BUTARE Komine I7 gusa nize zashoboye kwiyandikisha mw'irushanwa mu rwego rw'Ubuhinzi,Ubworozi n'Ubukolikoli.

Nkuko biteganywa n'amabwiliza agenga amarushanwa mu buhinzi,ubworozi, n'ubukolikoli,cyane cyane ku ngingo yayo ya 5 bavuga ko mu bizitabwaho muli rusange mu XXXXXXXXXXXX guteranya amashyirahamwe azarushanwa no kuyaha amaneta hakurikizwa ibi bikulikira by'ingenzi:

-Ishyirahamwe ligomba kuba ligizwe byibuze n'abantu 7 bafite hagati y' imyaka I0 na 24 , haba halimo abayirengeje abato akaba alibo biganjemo.
-Kuba muli itegeko lyanditse libagenga .
-Iminsi bahuliraho mw'ishyirahamwe ntigomba kuba munsi y'ibili mu cyumweru
-Kugaragaza umusaruro cyangwa ibyavuye muli uwo musaruro.

Hakulikijwe rero ayo mabwiliza hali hiyandikishije amashyirahamwe y'urubyiruko,ibigo by'urubyiruko;n'imiryango y'urubyiruko mirongo inani n'umwe (8I).
Inteko itanga amaneta yasuye amashyirahamwe 66 muli ayo ayuzu zaga ibyangombwa byo kurushanwa no guhabwa amaneta ni 27 gusa.
Muli ayo mashyirahamwe 27 yahawe amaneta,ayashoboye kugeza byibura ku maneta 70% ni amashyirahamwe I3 gusa,yose akaba akora imilimo y'ubuhinzi.

Dore amashyirahamwe yatsinze,akaba aliyo naye ashombwa muli buli Komine:

| Komine | Ishyirahamwe | | amaneta ryabonye |
|---|---|---|---|
| 1.Ndora | Intiganda | 6.000 | 70% |
| 2.Rusatira | Cojeseka | 6.000 | 75% |
| | Abashyirahamwe | 4.000 | 70% |
| | Abakundakulima | 4.000 | 70% |
| 3.Mugusa | Ikigo cy'Urubyiruko Mugusa | 6000 | 73,75% |
| 4.Ngoma | Abashyirahamwe | 6.000 | 73% |
| | Cojetuki | 4.000 | 70% |
| 5.Kigembe | Abiyemeje | 6.000 | 75% |
| 6.Runyinya | Abatiganda | 6.000 | 73% |
| 7.Maraba | Impalirwakujijuka | 6.000 | 79% |

| | Ishyirahamwe | amanota ryabonye |
|---|---|---|
| 7. Maraba (suite) | Gepejeru | 4.000 77% |
| | Indashyikirwa | 2.000 72% |
| 8. Muganza | Abadacogora | 6.000 70% |

Bikorewe i BUTARE, kuwa 30 Mata 1985.

Prefe wa Prefegitura BUTARE
Ruzindana Emmanuel

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE DE BUTARE

| | | | |
|---|---|---|---|
| 6. Runyinya | Abatiganda | 6.000 | 75% |
| 7. Maraba | Impalirwakujijuka | 6.000 | 79% |